## GAHUNDA Y'INGENDO KU BANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA

**Ku wa Kane, tariki ya 15 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Nyanza mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Musanze mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Nyamasheke, Rusizi mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Rwamagana, Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa Gatanu, tariki ya 16 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Huye, Gisagara mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Gakenke mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Ngororero, Nyabihu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu, tariki ya 17 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Ruhango, Nyamagabe, Nyaruguru mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi, Rulindo mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Karongi, Rutsiro mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma, Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku cyumweru, tariki ya 18 Mata 2021, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Muhanga, Kamonyi **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Burera mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo, Nyagatare mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**ICYITONDERWA:**

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere ku ishuri bitarenze saa kumi n'imwe z'umugoroba.
- Abana bagomba kuba kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza ku ishuri ndetse n'amafaranga azabagarura mu biruhuko bisoza umwaka.
- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo kwakira abanyeshuri aho abagenzi bategera imodoka no gukurikirana uko bakirwa mu bigo bigamo;
- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 mu gihe cy' ingendo no ku mashuri harimo kwambara neza agapfukamunwa;
- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri ingendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade i Nyamirambo zibajyana ku mashuri bigaho.